Bibiliya y'abana irerekana

Nowa n'umwuzure

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Elizabeth Johnson

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Nowa
yari umugabo
uhimbaza Imana.

Abandi bose
bangaga Imana
bakanayisuzugura.
Umunsi umwe,
Imana ibwira
ibintu
bitari byiza
nowa iti, ...

... "Ngiye kurimbura iyi si mbi," "umuryango wawe wonyine niwo uzarokoka."

Imana iburira Nowa ko
umwuzure ukaze cyane
uzaza ugatwikira isi.

Nowa arabwirizwa ngo,
"ubaka inkuge, ubwato bunini
buhagije ku muryango wawe
n'inyamaswa nyinshi."

Imana iha Nowa amabwiriza ahamye. Nowa atangira gukora!

Byanze bikunze
Nowa abantu
baramusekaga
abasobanurira
impamvu arimo
gukora inkuge.


Nowa akomeza kubaka. Yakomeje no kubwira abantu iby'Imana. Ntawumvise.

Nowa yagiraga
ukwemera
kwinshi.

Yizeraga Imana
n'ubwo imvura
itari yarigeze
kugwa mbere.

Mu gihe
gito inkuge yari
yuzuye ngo ijyemo
ibigomba kujyamo.

Haza inyamaswa. Imana yazanye ku moko arindwi, n'abiri ku yandi moko.

Inyoni nini n'into, inyamaswa nto n'inini byose bifata inzira ijya mu nkuge.



Birashoboka ko abantu bahutazaga Nowa bakanamutuka kuko yinjizaga inyamaswa.

Ntibigeze bahwema gucumura ku Mana. Ntibigeze basaba kwinjira mu nkuge.

Iherezo,
inyamaswa
zose n'inyoni
byageze mu nkuge.

Imana itumira Nowa iti, "Ngwino mu nkuge, wowe n'umuryango wawe."


Nowa, Umugore we,
abahungu
be batatu
n'abagore
babo binjira
mu nkuge. Noneho
Imana ifunga urugi!

Hanyu imvura iragwa. Imvura nyinshi izana umwuzure ku isi umara iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.

Amazi y'umwuzure
arengera imirwa n'imijyi.

Igihe imvuza yahagaze kugwa, n'imisozi yari yararengewe n'amazi.

Ibihumeka umwuka
byose byarapfuye.

Uko amazi yuzuraga, inkuge yarerembaga hejuru yayo.


Hashobora kuba hari hijimye mo imbere, hashobora kuba hari hameze nabi, hashobora no kuba hari hateye ubwoba. Ariko inkuge yarinze Nowa umwuzure.

Nyuma y'amezi atanu
y'umwuzure, Imana
yohereza umuyaga
wumisha.

Buhoro, inkuge iza guhagarara hejuru mu misozi ya Ararati.

Nowa agumamo imbere
indi minsi mirongo ine
amazi agabanuka.

Nowa yohereza igikona n'inuma hanze abinyujije mu idirishya ry'inkuge. Ntihaboneka ubutaka bwumutse bwo kuruhukiraho, inuma igarukira Nowa.

Nyuma
y'icyumweru,
Nowa arongera
arageragеza.
Inuma igarukana
ikibabi cy'umunzenze
mu kanwa kayo.

Icyumweru
gikurikiyeho
Nowa amenya ko
isi yumye kuko
inuma itigeze
igaruka.

Imana ibwira Nowa ko cyari igihe cyo gusohoka mu nkuge.

Afatanyije umuryango we,
Nowa asohora inyamaswa.

Ni gute
Nowa
yashimye!

Yubaka
igicaniro
atambira Imana
yo yamurokoye
n'umuryango we
umwuzure
ukomeye.

Imana iha isezerano ryiza Nowa.
Ntizongera kohereza umwuzure guhana icyaha cy'umuntu.

Imana yatanze urwibutso rw' isezerano ryayo.

Umukororombya wari ikimenyetso k'isezerano ry'Imana.

Nowa n'umuryango we babonye itangiriro rishya nyuma y'umwuzure.

Muri icyo
gihe, abamukomoka
ho bongera gutura isi
yose. Abatuye isi
bose bavuye
kuri
Nowa n'abana be.

Nowa n'umwuzure

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 6-10

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16